IGISABO NEWSPAPER

Patriotism, Truth to fight against Injustice

SPERANZA

Igisabo Nomero. 28 | 24 Ukuboza 2024 - 30 Mutarama, 2025 | *SPECIAL UMWAKA MUSHYA 2025*

ABANTU N'IBIGO BASOJE UMWAKA 2024 ARI INDASHYIKIRWA



ABANTU N'IBIGO BASOJE UMWAKA 2024 ARI INDASHYIKIRWA

Bimaze kuba akamenyero ko buri mwaka, ikinyamakuru IGISABO gifatanya n'abasomyi n'inshuti zacyo, gukora ubushakashatsi bwigenga bugamije kwerekana bamwe mu bashimwa n'abantu batandukanye bitewe ahanini no gutanga serivise nziza mu byo bakora.

Ni muri urwo rwego dushimishijwe no kubagezaho iby'ubushakashatsi bwo mu mwaka 2024 dusoje bwagezeho.

ABANYENGANDA N'ABACURUZI:

Kubirebana n'inganda n'abacuruzi hakusanyijwe ibitekerezo bitandukanye maze bitanga amakuru akurikira:

Uwa 1. Ni YYUSSA Company Ltd

Iki ni ikigo cy'Ubucuruzi kimaze kwamamara mu Rwanda no mu mahanga, bitewe ahanini no gukora ishoramari rigezweho kandi ritanga akazi ku bantu benshi ndetse no guharanira iterambere ry'igihugu muri rusange.

Iki ni ikigo cy'Ubucuruzi kimaze kuba ubukombe mu gutanga serivise nziza haba kubigendanye no kugura no kugurisha amazu mu buryo bugezweho ndetse n'ubucuruzi bw'ibikomoka kuri Peteroli mu rwego mpuzamahanga.

Abifuje ko iki kigo cya YYUSSA gishyirwa ku mwanya wa mbere mu batanze serivise nziza uyu mwaka, babishingira ko nyiri iki kigo ari umuntu wicisha bugufi kandi ufata neza abakozi akanakira neza abamugana.

Kubera gutanga serivise nziza no kumenya gukora ibyunguka, YYUSSA Company Ltd yabashije kwibaruka no kugura inyubako zikomeye mu Rwanda zirimo iyitwaga Makuza Peace Plazza, inyubako ikorerwamo na MTN Rwanda i Nyarutarama, Kigali Heights

Karinganire Yusuf umuyobozi mukuru wa Yyussa Company Ltd.

ku Kimihurura n'ahandi henshi, byose bivuye mu kumenya gushora imari mu bintu byangombwa kandi byunguka.

Bene gutanga aya makuru kandi bagahamya badashidikanya ko igihe cyose u Rwanda rw'aba rukomeje kugira abashoramari babishoboye nka YYUSSA Company Ltd, nta kabuza mu gihe gito rwazazamura ubukungu bwarwo ku kigero cyo hejuru, cyane ko nyiri ugushinga iki kigo kimaze imyaka igera kuri 40, avuga ko yatangiriye ku mafaranga ari munsi y'amadorari 100 yonyine.

Uwa 2 ni Uruganda rwa Skol

Uru ni uruganda rumaze gukundwa no gushimwa na benshi mu myaka 15 rumaze rukorera mu Rwanda, bitewe ahanini n'Uburyohe bw'ibinyobwa bakora byujuje ubuziranenge kandi bidatera ikibazo uwafashe kuri kimwe muribyo.

Benshi mu batanga amakuru bakomeje gushimira uru ruganda, bitewe ahani n'uburyo rwaje mu Rwanda ari igisubizo ku baturage b'aho rukorera mu Nzove, aho babonye akazi bakabasha kubaka iterambere rikaba rikomeje kwiyongera muri ako gace.

Ikindi ni uko buri mwaka SKOL igeza ikinyobwa gishya ku isoko kugira ngo ikomeze inogere abakunzi bayo.

Icyicaro gikuru cy'uruganda rwa Skol

Bene gutanga makuru bakavugako uru ruganda rwakagombye kubera icyitegerererezo abashinga iganda kuko serivise ihatangirwa ituma ibinyobwa byabo bikundwa, bakayishimira ko abatishoboye bo mu gice ikoreramo ibatera inkunga kenshi yo kubishyurira ubwisungane mu kwivuza, abana bakaba barihirwa amashuri ndetse no mu mikino ikaba umuterankunga w'ibanze w'ikipe ikunzwe na benshi ya Rayon Sports FC.

Uwa 3. Airtel Rwanda

Iki ni ikigo cy'itumanaho gikunzwe n'abanyarwanda benshi ndetse n'abanyamahanga, bitewe ahanini na serivisi nziza itangirwa muri kiriya kigo zigendanye no guhamagara ndetse na Internet yihuta kandi igera hose mu gihugu.

Benshi bashimira cyane Airtel kuba yarafashije abanyarwanda kuva mu bwigunge no gukoresha itumanaho rigezweho kandi ridahenze.

Airtel Rwanda bayishimira kandi uburyo bushya yazanye bw'iherekanya ry'amafaranga Airtel Monney ryahaye urubyiruko rwinshi akazi, mu minsi mike bakaba baranazanye 4G yo mu kinyejana kigezweho iyi ikaba itanga Connexion mu mijyi no mu byaro by'igihugu cyose.

II. IBITARO, AMAVURIRO

Ku birebana n'ibitaro n'amavuriro hasuwe abantu benshi batandukanye, maze hatangwa ibisubizo nabwo mu buryo bukurikira:

Uwa 1: La CROIX DU SUD kwa Dr NYIRINKWAYA JEAN Chrysostome

Ibi ni ibitaro byigenga by'ikitegererezo bihereereye mu Murenge wa Remera.

Ni ibitaro bishimwa na bose kandi bikomeje gushimirwa serivise ihatangirwa yo kwakira no kwita ku barwayi bahagana, bitewe ahanini no kuba ari ibitaro bifite abaganga b'inzobere kandi b'inararibonye bahakorera bayobowe na Dr NYIRINKWAYA Jean Chrysostome, inzobere n'inararibonye mu kuvura indwara z'ababyeyi n'iz'abana.

Abifuza kenshi ko La Croix du Sud ikomeza kuza ku isonga buri mwaka, bakomeje gushima ibi bitaro, uburyo buri mwaka kwa Dr Nyirinkwaya bagaragaza udushya mu mikorere yabo, bakavuga bashimangira ko u Rwanda rwagize amahirwe menshi yo kuba rufite ibitaro by'icyitegererezo nka La Croix du Sud, ibitaro bifasha abanyarwaranda bose, cyane cyane abagore n'abana, abo bose bakishimira ko ibitaro byamaze no kwagura amarembo bakaba bafite ishami mu Karere ka Rubavu muri RDC bakaza kwivuzayo ari benshi.

Dr. Nyirinkwaya Jean umuyobozi mukuru w'ibitaro bya La Croix du Sud.

Ni muri urwo rwego n'abo mu bindi bice bitandukanye byo mu gihugu n'abo bari kwifuza ari benshi ko Dr Nyirinkwaya yafungura amashami iwabo, bityo nabo bakagerwaho na serivise nziza zitangwa n'ibitaro ayoboye bya LA CROIX DU SUD.

Uwa 2: LEGACY CRINICS

Iri ni ivuriro rihereereye mu Mujyi wa Kigali mu Karere ka Kicukiro hafi y'ahazwi nko kuri 15 rikaba rikunzwe na benshi, bitewe ahanini na serivise ziboneye zihatangirwa.

LEGACY CRINIC, ni ivuriro rifite

Inyubako y'ibitaro bya Legacy Clinics bikorera mu karere ka Kicukiro.

ubunararibonye mu kuvura indwara zitandukanye, benshi bagashima uburyo ribarizwaho abaganga b'inzobere bafite ubunararibonye mu kuvura indwara zitandukanye ku buryo abarwayi bava mu ntara zitandukanye baza kuhivuriza.

Bakomeje gushimira Umuyobozi bukuru bw'iri vuriro, uburyo bwakirana urugwiro na yombi abarwayi n'uburyo abatega amatwi, bakabahumuriza bagatahana icyizere cyo gukira bidatinze. Kubera imikorere myiza ya LEGACY CRINIC bakifuza ko yafungura amashami mu gihugu henshi bityo bikaba byakohereza benshi baba bifuza serivise nziza batanga.

Uwa 3: BAHO Hospital

Inyubako y'ibitaro bya Baho International bikorera mu karere ka Gasabo.

Ijambo ry'ibanze

Umwaka wa 2024 urarangiye tukaba twinjiye m'uwundi mushya wa 2025

Hakozwe byinshi byo kwishimirwa na buri wese, hakaba n'ibindi bigomba gushyirwamo imbaraga kugira ngo umusaruro ukunde ube mwinshi kurushaho.

Uyu mwaka wa 2024 usojwe, waranzwe n'ibikorwa bitandukanye haba kubirebana n'imibereho myiza y'abaturage, ibigendanye n'Iterambere , ibigendanye na Politiki n'ibindi byinshi, bigamije kuzamura igihug muri rusange.

Kubirebana n'mibereho myizay'abaturage hakozwe ubukangurambaga bugendanye n'Uburenganzira bw'umwana n'umubyeyi, hanabaho ubukangurambaga bwo kwirinda Icyorezo cya Sida n'ibindi byorezo byari byashatse kwibasira abaturage nka Marburg na Virusi ya Monkey Pox byaje bitunguranye.

Cyakora Leta y'u Rwanda ikaba yarakoze ibishoboka byose, ikibazo gikurikiranirwa hafi, ibyobyorezo bicika bitamaze kabiri mu gihugu cy'u Rwanda nk'Uko Minisiteri y'Ubuzima yabitangaje.

Kubirebana n'uburezi, abana nabo bize neza kuva mu mashui y'incuke kugeza muri kaminuza kandi batsinda amasomo uko bisanzwe, ndetse habaho n'amavugurura menshi hagamijwe ahanini kuzamura Ireme ry'Uburezi.

Muri Politiki, habayeho amatora ya Perezida wa Repubulika n'ayabagize Inteko ishinga amategeko Umutwe w'abadepite n'abagize Umutwe wa Sena.

Ku matora ya Perezidaa wa Repubulika, abanyarwanda bongeye kugaragariza Perezida wabo Nyakubahwa Paul Kagame ko bakimukunda kandi ko bamufitiye icyizere, ubwo muri Nyakanga bamuhundagazagaho amajwi hafi 100%.

Ubwo yari amaze gutorwa, Umukuru w'igihugu Paul Kagame yasezeranyije Abanyarwanda, ko hagiye gushimangirwa ibyagezweho byose muri iyi myaka 30 no gukora kurushaho, kugira ngo Iterambere Abanyawanda bamaze kugeraho, rikomereze ku muvuduko ririho ndetse hakorwe byinshi kurushaho.

. Ku bigendanye n'ubuhinzi n'ubworozi naho umusaruro warabonetse, n'ubwo imihindagurikire y'ikirere ikomeje kuba ikibazo, imyaka y'abaturage ikaba yera nabi, ari nabyo bituma ibiciro bizamuka ku masoko.

Ku bigendanye no gutwara abantu mu ma modoka mu ngendo rusange, hongerewe imodoka mu mihanda ndetse n'Amasosiyeti ashinzwe gutwara abantu arongerwa, hagamijwe kugabanya imirongo yahoraga mu bice bitandukanye bitegerwamo imodoka mu Mujyi wa Kigali.

Kubirebana n'Ububanyi n'amahanga u Rwanda rwakomeje gutsura umubano n'amahanga mu buryo bwo gushimwa na buri wese, n'ubwo bwose nta byera ngo de, hari bamwe mu baturanyi badashaka kuvuga neza u Rwanda, bavuga ko rufasha imitwe irwanya ubutegetsi bwabo Leta y'u Rwanda ikaba itarahwemye guhakana ibyo birego ibasaba kwishakamo umuti uhamye hagati yabo nka bene gihugu.

Hakaba hashimirwa ko hariho Amasezerano akiganirirwaho I Luanda muri Angola kugira ngo byibura amkimbirane ari mu gihugucy'abaturanyi cya RDC n'Umutwe wa 23 bahanganye ahoswe binyuze mu mishikirano kuko nta nyungu iva mu ntambara.

Uretse ibivugwa ku Rwanda no mu gace ruherereyemo, uyu mwaka nabwo urangiye hakiri intambara ya Ukraine n'Uburusiya, Siliya, Soudan n'ahandi, aho hose intambara zikaba zarahungabanyije byinshi mu bukungu bw'isi muri rusange.

Hari intambara ya Isiraheri kandi n'umutwe wa Hamas ikaba ari intambara iri gutwara nabwo ubuzima bw'abantu umunsi ku wundi.

Ibyari byo byose, birakwiye ko hafatwa ingamba zihamye ku isi yose, kugira ngo uyu mwaka mushya wa 2025, twinjiyemo uzarangwe n'amahoro azira intambara, inzara n'amakimbirane ya hato na hato bigizwemo uruhare na buri wese bireba

Ubwanditsi

Igisabo Newspaper & Igisabo.rw/
Gisabo Television Tel: +250 781300479, email:
igisabonews1@
gmail.com
www.igisabo.rw

EDITORIAL TEAM
Publisher/ DIRECTOR
Edouard Niyonkunru
Chief Editor: Mporebuke Noel
Sub - Editor1: Ngirinshuti Christian
Journalists: Janvier Uwitonze, Hope,Munyeshyaka Silver, Kirenga Robert, Turatsinze Emmanuel, Kayitare Jean B.
Tuyishimire Ange, Morgan Niyitegeka, Matata Christophe

SPERANZA GROUP

Ubuyobozi n'Abakozi ba SPERANZA GROUP ltd ikigo gikora kikanacuruza ibinyobwa bisembuye, gikorera mu Karere ka Gasabo bifurije Nyakubahwa Perezida wa Repubulika y'uRwanda na Madamu we, Abayobozi bandi bakuru, abahagarariye ibihugu byabo mu Rwanda, Abayobozi b'Amadini, Abikorera ku giti cyabo n'abanyarwanda bose muri rusange, Noheli nziza n'Umwaka mushya muhire wa 2025.

ABANTU N'IBIGO BASOJE UMWAKA 2024 ARI INDASHYIKIRWA

Ibikurikira urup. 2

Ibi ni Ibitaro by'icyitegererezo bihererey mu Karere ka Gasabo bishimwa na benshi kubera servise nziza zihatangirwa zo kwita ku barwayi babagana uko bikwiriye, cyane ko bafite abaganga b'ababahanga babifitemo uburambe baba abakomoka mu Rwanda ndetse no mu mahanga bahakorera.

Benshi mu bagana ibi bitaro, haba ku kicaro cyabyo kiri mu Karere ka Gasabo, ndetse n'ishami ryabo riri hafi ya CHUK mu Karere ka Nyarugenge, bashima ko bakirwa neza, bagasuzumwa, bakanahabwa ibisubizo uko bikwiriye.

Bityo bagahamagarira abashaka kwivuza kandi bagakurikiranwa uko bikwiriye, kujya bagana ibi bitaro, kugira ngo babone itandukaniro n'umwihariko barusha abandi.

III. AMAHOTELI:

Amahoteli yasuwe ni menshi. hakiriwe ibitekerezo nabyo byinshi kandi binyuranye, nyuma yo gukusanya ayo makuru haboneka ibisubizo bikurikira.

Uwa 1: Lemigo Hotel

Iyi ni Hotel y'ikitegererezo ikomeje gushimwa na benshi bitewe ahanini na serivise zihatangirwa utasanga ahandi mu Rwanda.

Amajwi y'abantu batandukanye yatugezeho adusaba gushyira iyi Hotel ku mwanya wa mbere, bavuga ko ari hoteli igendanye n'ikinyejana cya 21 turimo, ikaba igendanye kandi na Vision 2025 u Rwanda rugezemo.

Iyi Lemigo Hotel igashimirwa kuba ifite abakozi bafite ubunararibonye n'ubuhanga mu byo bakora, birimo kwakira neza abagana hoteli bose baba abahakorera inama, abafata amafunguro n'ibinyobwa ndetse n'abaruhukira mu byumba byiza bigari biboneka muri iyo hotel .

Lemigo Hotel.

Benshi bakaba bashima uburyo ari hoteli ifite ibyumba by'inama bigali kandi byinshi byakira inama n'ibirori, ku buryo ibikorwa birenga 30 bishobora no kuhabera icyarimwe kandi bose bisanzuye.

Abashima iyi hoteli cyane, bagashima Ubuyobozi bukuru bwa Lemigo Hotel bukora ibishoboka byose kugira ngo abayigana bajye bakora bisanzuye, ari nayo mpamvu hahora hagurwa inyubako n'ibikorwa remezo bya hoteli, kugira ngo barusheho kwakira abantu benshi bifuza kubagana.

Bene gutanga amakuru kandi bakavuga ko u Rwanda rwagize amahirwe menshi yo kugira hoteli y'ikitegererezo nka Lemigo Hotel, hoteli ikomeje guhesha u Rwanda amanota menshi imbere y'abanyamahanga n'abandi bose bayigana, bitewe ahanini n'ibyiza na serivise iboneye bahasanga.

Uwa 2: UBUMWE GRANDE HOTEL

Amakuru yatanzwe na benshi, yahurije kuri UBUMWE GRANDE Hotel benshi bayisabiye ko yashyirwa mu myanya ya mbere.

Ababisabye bashimiye cyane serivise nziza zitangwa n'iyo hoteli y'icyitegererezo mu Rwanda, uhereye ku buyobozi bukuru bwayo, ku bakozi bafite uburambe, ubuhanga bushimwa na buri wese ugendera muri iyo hoteli bashima bose ubwuzu n'urugwiro bakiranwa.

Ikindi bashimira iyi hoteli ikunzwe n'abanyarwanda n'abanyamahanga ni amafunguro ateguranwa ubuhanga ahaboneka yaba aya kizungu n'aya Kinyarwada.

Grande Ubumwe Hotel.

Ni Hoteli ifite ibyumba byinshi kandi bigari byo gukoreramo inama n'ibirori, n'ibyo kuryamamo biri ku rwego rwo hejuru, umwihariko ikagira Piscine iri mu kirere utasanga ahandi.

Abatanze amakuru hafi ya bose, bakemeza badashidikanya ko kubera ubwiza na serivise ziboneye zitangirwa mu UBUMWE GRANDE Hotel, ikaba ihererey mu Mujyi rwagati m'Umurwa w'u Rwanda biyigira Hotel y'Icyitegererezo ikwiye gusurwa na benshi ba Mukerarugendo mpuzamahanga n'abanyarwanda muri rusange

Uwa 3. SAINTE FAMILLE HOTEL

Iyi ni Hotel igezweho ya kiliziya gatolika ihererey mu Karere ka Nyarugenge mu Mujyi wa Kigali rwagati.

Ni hoteli ikomeje gukundwa na benshi baba abanyarwanda n'abanyamahanga cyane ko ishingiye ku Ndagagaciro za gikristu bituma uyigana wese agenda yumva ko yisanga.

Benshi bifuje ko Saint Famille Hotel ishyirwa mu za mbere zitanga serivise nziza bayishimira ko ari hoteli yujuje ibisabwa byose biranga hoteli igendanye na kino kinyejana tugezemo, bikaba bigaragazwa n'uburyo Abanyamahanga n'abanyacyubahiro, bose bifuza gukora inama cyangwa ibirori muri iyo hoteli yaje ikenewe mu Rwanda.

Sainte Famille Hotel.

Uwa 4. HOTEL MONT HUYE

Iyi ni hoteli igezweho kandi ikunzwe na benshi bagana mu mujyi wa Huye, aho yaje isimbuye iyitwaga IRIS Hotel ikaza ifite imigabo n'imigambi yo gutanga Serivise zinyuuze ku bayigana bose.

Bene gutanga amakuru bashimira uburyo ari hoteli ihererey mu Mujyi rwagati ku buryo byorohera abashaka kuhafatira

Hotel Mont Huye.

amafunguro no kuhacumbika.

Bayishimira ko ifite ubuyobozi bwakira neza ab'abagana, abakozi b'inararibonye kandi bakira neza abakiliya. Akarusho akaba ari uko ari hoteli igendera ku byifuzo by'abayigana bakirya bakanywa n'icyo bashaka ku giciro kidakanganye.

IV. KAMINUZA, AMASHURI MAKURU, Ayisumbuye, Abanza n'ay'inshuke

• Kaminuza n'amashuri makuru

Uwa 1: Kaminuza yigenga ya Kigali (ULK)

Iyi ni Kaminuza ntangarugero ikomeje kuba ubukombe mu Rwanda no mu mahanga, mu myaka 28 imaze ishinzwe ikaba imaze kubyarira u Rwanda n'Isi muri rusange.

Prof Rwigamba Balinda umuyobozi uwashinze ULK.

Abakozi benshi bagiye basoza mu mashami atandukanye bagenda basorezamo muri iyo Kaminuza.

Benshi batanga amakuru arambuye kuri ULK, bashimira umusaza Balinda wagize uruhare rukomeye mu itangizwa Kaminuza ryayo, aho yabimburiye abandi bose bagatinyuka bagashinga za Kaminuza zigenga, ariko ikaba ikomeje kuza ku isonga ya zose mu guteza imbere ireme ry'uburezi mu buryo bw'intangarugero.

Kubera gukundwa na benshi ULK yafunguye n'ishami ryayo mu Mujyi wa Rubavu ryakira abanyeshuri bo mu Ntara y'i Burengerazuba n'abo mu gihugu cy'abaturanyi cya Congo, aha hose abahiga bakaba basoza ari abahanga barwanirwa ku isoko ry'umurimo.

Uwa 2: UTB.

Iyi ni Kaminuza y'Ubukerarugendo, ikoranabuhanga n'ubucuruzi ikomeje gukundwa no kuganwa na benshi baba abanyarwanda n'abanyamahanga , bitewe ahanini no kwigisha amasomo agezweho afasha abantu kubona akazi mu buryo buboroheye.

Kaminuza ya UTB ihererey i Gikondo.

Benshi batanga amakuru bashimira ubuyobozi bukuru bw'iyi Kaminuza , uburyo iri kuzamura u Rwanda mu Iterambere ryihuse ku gipimo cyo hejuru, mu rwego rwo kubona abakozi b'ababahanga mu by'Amahoteli, ubukerarugendo, ikoranabuhanga n'ubucuruzi n'ubukerarugendo, serivise zikenerwa na benshi ku Isi muri kino kinyejana kigezweho.

UTB uyu mwaka usoje yuzuje icyicaro cyayo gishya mu Karere ka Kicukiro, Umurenge wa Kigarama, ibyakiriwe nk'umusaruro ukomeye n'intambwe bateye ishimishije na nyuma y'uko bafunguye ishami mu Karere ka ruhango riri gufasha abo mu ntara y'Amajyepfo n'i Burengerazuba kubasha gukurikirana amasomo mu buryo buboroheye.

Uwa 3: UNILAK

Iyi ni Kaminuza yashinzwe n'Abalayiki bo mu Idini ry'Abadivantisite b'Umunsi wa karindwi, ikorera mu Karere ka Kicukiro ikaba imaze kwandika izina ridashobora gusibangana. Benshi bashima iyi Kaminuza uburyo itanga uburezi bufite ireme, ibi bituma mu mirimo bakora itandukanye, haba mu gihugu imbere no hanze yacyo uhasanga intiti zihakorera bakoresha ubumenyi

Komeza ku rup. 5

Ibikurikira urup. 4

Kaminuza ya UNLAK Kigali.

n'ubuhanga bakuye muri UNILAK, bityo abantu bagasaba abayobozi b'iyi Kaminuza
n'abahiga muri kino gihe, gukomeza kurangwa n'ishyaka n'ubutwari byo gutsinda amasomo uko babisanganywe.

Bene gutanga amakuru, bahamya badashidikanya ko igihe cyose mu Rwanda hazaba hamaze kugera za Kaminuza, ziri mu rwego nka UNILAK, nta kabuza u Rwanda ruzaba rumaze kwiyubaka no gutera imbere, mu ntambara yo guharanira kugira uburezi bufite ireme kuri buri wese, cyane ko imaze kugaba amashami yayo i Burasirazuba no mu Majyepfo y'u Rwanda, ibintu bishimwa na benshi.

B. AMASHURI Y'ISUMBUYE N'AY'IMYUGA

Aya mashuri nayo yasuwe ari menshi ariko hatoranywamo atatu mu akunzwe na benshi muri rusange mu buryo bukurikira:

Uwa 1. MOTHER MARY INTERNATIONAL SCHOOL COMPLEX

Iri ni ishuri mpuzamhanga rimaze kuba ubukombe rikaba rikunzwe n'ababyeyi benshi baba abo mu Rwanda no mu mahanga kubera ubumenyi butangaje abaharangiriza bagaragaza ku buryo abahasoreje bose bakomereza muri Kaminuza zikomeye zo mu Burayi no muri Leta zunze Ubumwe za Amerika.

Ni ishuri rya Cambridge rikomatanyirijemo amashuri yisumbuye, amashuri abanza n'ay'incuke.

Abanyeshuri bose bahabwa amasomo n'abarimu b'abahanga, ku buryo barangiza kwiga ari intyoza mu ndimi, Siyanse, imibare n'ibindi.

Abatanga amakuru atandukanye kuri iri shuri, bagahamya badashidikanya ko igihe cyose u Rwanda ruzaba rumaze kubona amashuri menshi ari ku urwego rwa Mother Mary international School Compex nta kabuza ruzaba rumaze gutera imbere mu buryo bw'intangarugero kuruta handi muri Afurika.

Abanyeshuri biga muri MOTHER MARY INTERNATIONAL SCHOOL COMPLEX.

Ubuyobozi bw'iri shuri bukaba bushimirwa by'umwihariko ko bushyira imbaraga mu kurera abana b'abahanga banarangwa n'ikinyabupfura muri rusange, bityo bagasaba ababyeyi babishoboye kurerera abana babo bose muri Mother Mary Internatinoal Complex, kugira ngo bahabwe uburezi nyabwo, bakanashima ko bahawe ishami rishya rihereye mu Karere ka Kicukiro, Umurenge wa gahanga ryaje kunganira ababyeyi baturukaga muri biriya bice ndetse n'abandi benshi bifuzaga kurerera abana babo muri Mother Mary International School Complex bo mu Karere ka Bugesera bakaba barashubijwe.

Uwa 2. KIGALI LEADING TECHNICAL SECONDARY SCHOOL

Iri ni ishuri ryisumbuye ryigisha amasomo y'ubumenyi rusange n'ay'imyuga afitiye akamaro abayarangizamo benshi.

Ni ishuri rihererereye mu Karere ka Nyarugenge. ryujuje ibisabwa byose kugira ngo urirangijemo atangire kubona akazi ataranasohoka mu kigo cy'ishuri. Benshi bashimira, abayobozi baryo n'abakozi b'iri shuri uburyo ari ikigo gifite gahunda igendanye n'icyerekezo 2050 cya Leta y'u Rwanda cyo kurangwa no gukora akazi kanoze, akazi gatanga inyungu zifasha kandi zikagera ku bantu bose, biciye mu ikoranabuhanga. Ikindi abagana iri shuri bashima ni uburyo abarangiza muri iki kigo cyane ibigendanye n'amahoteli, bahita barwanirwa ku isoko ry'umurimo nta zindi nzira baciyemo. Ikindi ni uko abanyeshuri b'abahanga bahita boherezwa gukomereza amasomo yabo mu birwa bya Maurice bakavayo ari abahanga baminuje.

Abarangije ku ishuri rya KIGALI LEADING TECHNICAL SECONDARY SCHOOL

Uwa 3: APAER

Iri ni Ishuri rifite indangagaciro zishingiye ku iyobokamana kuko ryashinzwe n'Ababyeyi bo mu Itorero ry'Abadivantisiti b'umunsi wa karindwi rikaba rihererereye i Rusororo mu Karere ka gasabo.

Ni Ishuri ry'Icyitegererezo rikomeje kurangwa n'abanyeshuri b'ab'ababahanga basohoka bajya muri za Kminuza zitandukanye cyane dore ko baba bafite amanota yo hejuru.

Benshi bifuje ko iri shuri ryaza mu myanya ya mbere bavuga ko kuba ari ishuri rirangwa n'abana bakagira ikinyabupfura batozwa n'abarezi

Abanyeshuri biga muri APAER.

n'ubuyobozi bukuru bw'ikigo ari byo bituma ababyeyi benshi babyiganira kuharereshereza bikagaragazwa n'umubare mwinshi w'abana bahiga kandi bose bakitabwaho neza uko bikwiriye kubera kwigisha neza ikigo kikaba kimaze gusozamo ibihanganye bifite amazina azwi mu Rwanda, haba mu mupira w'amaguru, mu ndirimbo no mu buhani no mu indi mirimo myisnhi igamije kuzamura igihugu

• AMASHURI ABANZA N'AYINCUKE

• Uwa 1: ECOLE INTERNATIONAL DE KIGALI.

Ni ishuri ry'icyitegererezo rihererereye mu Murenge wa Kimihurura akarere ka Gasabo. Ni ishuri rirangwa no kugira abana b'ababahanga n'abarezi bafite ubumenyi n'ubuhanga mu kwigisha no gutoza urubyiruko rutegerejwe kuzavamo abahanga bakomeye mu bihe biri imbere. Benshi batanga amakuru kuri iri shuri, bahamya uburyo ryatangiye gukora mu bihe bitari byoroshye nyuma ya Jenoside yakorewe abatutsi mu 1994, rigakomeza kugaragaza imbaraga
n'ubushake bushimwa na bose, abana bose bakaba bakomeje gutsinda ku kigero cy'100%.

Bivugwa ko abarimu bahigisha, kenshi andi mashuri aba yifuza ko baza iwabo kubafasha kugera nabo bagere ku rwego nk'urwo muri Ecole International, ishuri rikomeje kwesa imihigo mu kwigisha no gutsindisha ku kigero cyo hejuru.

Abarangije muri Ecole Internationale de Kigali

Zimwe mu ntego ziri shuri zigira iti "AHO UJISHE IGISABO NTUHATERA IBUYE"

UWA 2: ECOLE DE L'ESPOIR BUGESERA

Iri ni ishuri ryigenga ku rwego rw'igihugu cyose, bakaba babikoze imyaka myinshi. Ni ishuri rizwiho kugira abana b'abanyabwenge kandi barangwa n'isuku. Benshi bashimira iri shuri ribanza n'incuke zaryo uburyo abana bigana ubushake kandi bagatsinda amasomo uko bikwiriye.

Ni ishuri bakomeje rifite icyiciro cy'amashuri y'incuke n'abanza rihererereye mu Karere ka Bugesera, rikaba rikomeje kuza ku isonga mu gihugu hose mu kugira abana b'abahanga bahembwa kenshi gushimira uburyo abana bakirwa kuva mu gitondo binjira mu masomo kugeza bashyikirijwe ababyeyi amasomo asojwe, byose bigakorwa nta muvundo banataha bakishimana.

Abanyeshuri ba ECOLE DE L'ESPOIR BUGESERA.

Uwa 3: Ecole Privee Marie Auxiliatrice

Iri ni ishuri ry'icyiciro cy'incuke n'amashuri abanza rihereye mu Karere ka Nyarugenge riyoborwa n'Ababikira b'aba Auxiliatrice. Ni ishuri rikunzwe cyane muri kino gihe bitewe ahanini no kuba ikigo kirangwa n'ikinyabupfura abana baho bafatwa nk'abari mu rugo iwabo.

Kubera kwigishwa neza, abana b'incuke n'abo mu mashuri abanza barangwa no gutsinda amasomo yose biga, bakavuga neza indimi zose bigishwa, aho umwaka ushize wa 2022-2023 ikigo cyabonye umwanya wa 4 mu gihugu cyose.

Kubera ibi byiza byose biranga iri shuri ababyeyi benshi bifuza kuharereshereza, ariko bose siko bahabona imyanya kubera ubwinshi bwabo. Ikindi bahashimira ni uburyo ari hafi y'umuhanda, hakarangwa n'umuyaga w'ibiti bikikije ishuri, ari nayo mpamvu ababajijwe bashyize iri shuri mu mashuri y'Indashyikirwa akwiriye kwizerwa

Abanyeshuri ba Ecole Privee Marie Auxiliatrice.

n'ababyeyi bashaka kuharerera

V. AMADINI N'AMATORERO:

Kubirebana n'Amadini n'Amatorero hakusanyijwe ibitekerezo by'abantu benshi nabwo haboneka abahize abandi.

Uwa 1: Nyiricyubahiro Cardinal Kambanda

Antoine Cardinal Kambanda amajwi y'abantu benshi akomeje guhuriza kuri uyu muyobozi wa Kiliziya Gatolika mu Rwanda Antoine Cardinal Kambanda umaze imyaka igera kuri ine agizwe Cardinal wa mbere muri Kiliziya y'u Rwanda imaze imyaka 124 na Nyirubutungane Papa Fransisko.

Benshi bakomeje gushimira uyu mushumba, uburyo yicisha bugufi

Komeza ku rup. 6

Ibikurikira urup. 5

Nyiricyubahiro Antoine Cardinal Kambanda.

akanakira neza abamugana baba abakomeye ndetse n'abaciye bugufi.

Bakamushimira ko nyuma y'uko ageze muri Arikidiyosezi ya Kigali, avuye muri Diyosezi ya Kibungo yaguye umubare w'ama Paruwasi mu gihe gito hakaba hamaze gushingwa arenga 15, agamije ahanini kwegereza Abakirisitu Abasaseridoti hafi, no kuborohereza mu ngendo bakoraga z'abatwaraga igihe kinini.

Abatanga amakuru bagahamya ko ibikorwa bye n'ubwenge agaragaza kenshi aribyo byahereweho agirwa numero ya mbere muri Kiliziya Gatolika mu Rwanda, akaba ari nawe uhagarariye uburezi Gatolika ku Isi yose nk'uko nabyo yabishinzwe n'uwamuhaye inkoni y'Ubushumba, Nyirubutungane Papa Fansisko

Ikindi bamushimira ni uburyo yitwaye muri iyi nkundura yo gufunga insengero n'amadini akaba yaranze kwivanga mu bikorwa bya Leta na gato.

Uwa 2: ZION Temple

Benshi bahurije amajwi ku Itorero Zion Temple riyobowe na Apôtre Paul Gitwaza umaze imyaka 30 irenga mu ivugabutumwa mu Rwanda no mu mahanga menshi no ku Isi.

Zione Temple n'Intumwa yayo Paul Gitwaza bayishimira ko yazanye ivugurura rikomeye mu kugeza ubutumwa bwiza bwa Kristo ku bantu benshi kandi mu buryo

Apôtre Paul Gitwaza.

bw'ikoranabuhanga bugezweho ku buryo buri munsi bagira amateraniro yo gufasha abakristo kwegera Imana ku munsi wo ku cyumweru hakaba arenga atanu kandi buri wese agahitamo ururimi akurikiramo.

Apôtre Paul Gitwaza, intumwa y'Imana yashinze Zion mu Rwanda agashimirwa ko ari umuntu ucisha bugufi utanga inama kandi uharanira ukuri, akaba amaze kugeza itorera mu bihugu bitandukanye bya Afurika, Amerika na Australia, bityo bagahamya badashidikanya ko u Rwanda rufite amatorero nka Zion n'Intumwa Paul Gitwaza ukunda no guhuriza hamwe ibiterane byo gushima bihurirwamo n'amatorero menshi, u Rwanda rwagira abakristo benshi buzuye ukwizera.

Uwa 3: Kiliziya y'Abangirikani mu Rwanda "EAR"

Iyi ni kiliziya imaze igihe mu Rwanda no ku Isi muri rusange. Benshi bashima uburyo abayobozi bayo n'abakristo muri rusange bashyize hamwe kandi bagaharanira iteka ibyagirira akamaro Itorero n'igihugu muri rusange.

Bashimira ko ari idini ryashyize imbaraga mu iterambere ry'igihugu hubakwa ibikorwaremezo, birimo amashuri, ibitaro n'amavuriro, bagamije ahanini muri rusange ko Mwuka wera atura mu mubiri muzima. Uretse iby'amavuriro n'ibitaro EAR, ikaba ari

Arch. Mbanda Laurent umuyobozi mukuru wa EAR mu Rwanda.

idini ryagaragaje gushyira imbaraga mu burezi mu byiciro bitandukanye ndetse no mu bikorwaremezo n'inyubako zigezweho mu Mujyi wa Kigali n'ahandi bityo bene gutanga amakuru bagahamya ko abashinga amadini n'amatorero hari byinshi bajya babanza kwigira kuri iri dini rya EAR,

VI. IBITANGAZAMAKURU.

Ku bigendanye n'ibitangazamakuru habajijwe abantu benshi nabwo amajwi atandukanye ahuriza ku binyamakuru bitatu bikurikira:

Uwa 1: RBA

Iki ikigo cy'Igihugu cy'Itangazamakuru gikoresha amajwi n'amashusho ndetse n'ikoranabuhanga ryo Murandasi kikaba kimaze
imyaka igera kuri 60 gikorera ku butaka bw'u Rwanda gikomeje gushimwa na bose.

Cleophas Barore umuyobozi mukuru wa RBA.

Benshi bashimira RBA uburyo itegura ibiganiro bikagera ku banyarwanda bose ndetse n'abari mu mahanga bifashishije ibikoresho kabuhariwe mu gusakaza amajwi n'amashusho, bicishijwe ku minara yabo iri mu bice bitandukanye by'igihugu, iminara inafasha andi ma radiyo akorera mu Rwanda gusakaza amajwi yabo mu gihugu.

Ikindi RBA ishimirwa ni uburyo ifite abanyamakuru b'abahanga mu biganiro no mu makuru atandukanye kandi ikagira n'abayobozi bita ku bakozi bagenerwa ibikenewe byose kugira ngo akazi karusheho gukorwa neza, mu minsi ishize hakaba harabaye ivugurura rigamije imikorere, ibyashimwe n'abakunzi bayo ndetse n'abakozi n'abahoze bakorera icyo kigo.

Uwa 2: ENERGY RADIO FM

Iyi ni Radiyo yigenga ikorera mu Karere ka Musanze Intara y'Amajyaruguru.

